REPUBULIKA Y'U RWANDA

Gatsibo, Kuwa 02/07/2020
Ref No Njy .730../07.05.03/09.

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

AKARERE KA GATSIBO

gatsibodistrict@gatsibo.gov.rw

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba,**Rwamagana.**

**Impamvu:** Kubagezaho Imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo.

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateranye kuwa Kabiri tariki ya 30/06/2020.

Ku mugereka murahasanga imyanzuro ku buryo burambuye.

Mugire amahoro.

**RUKEMANGANIZI Cyprien.**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo.

INAMA NJYANAMA Y'KARERE KA GATSIBO

**Bimenyeshejwe:**

- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu **KIGALI.**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo.

# IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO YATERANYE KUWA KABIRI TARIKI YA 30/06/2020

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo yateraniye mu cyumba cy'inama cya Center Infinity Hotel kuwa kabiri tariki ya 30/06/2018, iyobowe n'Umuyobozi wayo Bwana RUKEMANGANIZI Cyprien ;

Inama yatangiye imirimo yayo saa cyenda n'iminota cumi n'itanu (15H15) yitabirwa n'Abajyanama 24 kuri 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo.

Hari kandi Abayobozi b'Inama Njyanama n'Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Gatsibo hamwe na bamwe mu bakozi b'Akarere.

**Ku murongo w'ibyigwa hari ingingo zikurikira:**

1. Kwemeza ingengo y'imari na tarifu y'imisoro n'amahoro by'Akarere ka Gatsibo bizakoreshwa mu mwaka w'ingengo y'imari 2020-2021;
2. Gusuzuma ubusabe bw'Umuyobozi w'Akarere burebana no kwandika ubutaka kuri Croix Rouge;
3. Gusuzuma imyenda Akarere ka Gatsibo kabereyemo abandi no
4. Kwemeza ingurane ikwiye ku mitungo y'Abaturage izononwa mu ikorwa ry'umuhanda Munini-Kabeza

**1. KWEMEZA INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA GATSIBO 2020-2021;**

**1.1** Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye, yemeje ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo y'umwaka wa 2020-2021 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari makumyabiri n'eshanu,miliyoni magana atandatu mirongo itatu n'icyenda, ibihumbi ijana na cumi na birindwi , magana abiri mirongo inani n'umunani (**25,639,117,288Frw**) igizwe na:

- Recurrent Bugdet ingana na Miliyari cumi n'ebyiri miliyoni magana cyenda mirongo irindwi n'umunani, ibihumbi magana ane mirongo irindwi na bitandatu ,arindwi (**12,978,476,007 Frw**) ahwanye na **51,9 %** y'ingengo y'imari y'umwaka.

- Development budget ingana na Miliyari cumi n'ebyiri, miliyoni magana atanu cumi n'eshanu, ibihumbi magana inani mirongo ine na kimwe, magana abiri mirongo inani na rimwe (**12,515,841,281 Frw**) ahwanye na **49,1 %** y'ingengo y'imari y'umwaka.

Hakurikijwe inkingi (Clusters) ingengo y'imari y'umwaka wa 2020-2021 igabanije ku buryo bukurikira:

- Ubukungu (Economic Transformation) yagenewe amafaranga y'u Rwanda miliyari eshatu,miliyoni ijana na mirongo itatu n'indwi, ibihumbi makumyabiri na bine ,magana cyenda makumyabiri (**3,137,024,920 Frw**) ahwanye na **12%** y'ingengo y'imari y'umwaka.
- Imibereho myiza (Social Transformation) yagenewe amafaranga y'u Rwanda miliyari cumi n'icyenda, miliyoni ijana n'esheshatu, ibihumbi magana inani mirongo itandatu na bibiri, magana atatu n'atandatu (**19,106,862,306 Frw**) ahwanye na **75%** y'ingengo y'imari y'umwaka.
- Imiyoborere myiza (Transformational Governance) yagenewe amafaranga y'u Rwanda miliyari eshatu,miliyoni magana atatu mirongo cyenda n'eshanu ,ibihumbi magana abiri na mirongo itatu, mirongo itandatu n'abiri (**3,395,230,062 Frw**) ahwanye na **13%** y'ingengo y'imari y'umwaka.

**1.2** Inama Njyanama yemeje ko ingengo y'imari igabanije mo ibice bikurikira:

### 1.2.1. AMAFARANGA YINJIZWA N'AKARERE (Own revenues)

Amafaranga yinjizwa n'Akarere (Own revenues),angana n'amafaranga y'u Rwanda miliyari imwe,miliyoni magana abiri mirongo itandatu n'eshatu, ibihumbi magana arindwi mirongo itanu n'icyenda,magana atanu makumyabiri n'atandatu (**1,263,759,526 Frw**) ahwanye na **4,93%** y'ingengo y'imari y'umwaka;

### 1.2.2. INKUNGA Z'UBUTEGETSI BWITE BWA LETA

1.2.2.1 **Block Grant transfers:** Inkunga zitagenewe ibikorwa byihariye ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyari ebyiri,miliyoni ijana na mirongo itanu na zirindwi, ibihumbi magana atandatu mirongo itatu na bibiri,magana atanu n'atatu (**2,157,632,503 Frw**) ahwanye na **8,42%** y'ingengo y'imari y'umwaka.

1.2.2.2 **Earmarked transfers**:Inkunga zigenewe ibikorwa byihariye ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyari cumi n'eshanu,miliyoni magana cyenda mirongo ine n'eshanu, igihumbi kimwe, magana ane mirongo itandatu n'icyenda (**15,945,001,469 Frw**) ahwanye na **62,19 %** y'ingengo y'imari y'umwaka.

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO

### 1.2.3. IZINDI NKUNGA ZIKOMOKA MU NZEGO ZA LETA N'AMAFARANGA Y'ABATERANKUNGA (Transfers from Other Governement)

**Transfers from Other Governement agencies and other donors funds**:Izindi nkunga zikomoka mu nzego za Leta n'amafaranga y'Abaterankunga, ingana n'amafaranga y'u Rwanda miliyari esheshatu,miliyoni magana abiri mirongo irindwi n'ebyiri,ibihumbi magana arindwi makumyabiri na bitatu, magana arindwi mirongo cyenda (**6,272,723,790**) ahwanye na **24,47 %** y'ingengo y'imari y'umwaka.

### 1.2.4. INGUZANYO Z'IMBERE MU GIHUGU (Domestic Loans)

Inguzanyo z'imbere mu gihugu (Domestic loans) ni zero (**0**).

### 1.2.5. INYUNGU KU ISHORAMARI (Benefits from investiments).

Inyungu ku ishoramari nta zagenwe ni zero (**0**)

**1.3** Inama Njyanama mu bwumvikane busesuye yemeje icyemezo cy'ingengo y'imari y'Akarere ka Gatsibo N° NJY 728/07/05.03/09 izagenderwaho mu mwaka wa 2020-2021, Umuyobozi w'Inama Njyanama n'Umunyamabanga bakazagishyiraho umukono kimaze kunozwa.

**1.4** Inama Njyanama ishingiye ku:

- Itegeko N° 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rigena imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 97 n'iya 98;

- Itegeko rya Minisitiri N° 75/2018 ryo kuwa 07/08/2018 rigena inkomoko y'imari n'umutungo by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage kandi rikanagena imikoreshereze yabyo, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 5,iya 11,iya 12, iya 16, iya 33, iya 47, iya 55, iya 56 n'iya 67;

- Itegeko N° 13/2014 ryo kuwa 20/05/2014 rigena ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu ngingo yayo ya 4;

- Iteka rya Minisitiri N° 008/19/10/TC ryo kuwa 09/07/2012 rigena uburyo bw'isoresha bukurikizwa mu kwakira imisoro n'amahoro by'inzego z'imitegekere y'igihugu zegerejwe abaturage cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3, iya 4,iya 12,iya 13, iya 18 n'iya 19;

- Iteka rya Minisitiri N° 001/20/10/TC ryo kuwa 10/01/2020 rigena ibipimo fatizo n'ibindi bikurikizwa mu kugena umusoro wishyurwa ku bibanza cyane cyane mu ngingo zaryo iya 3, iya 4, iya 5 n'iya 6;

INAMA NJYANAMA Y'KARERE KA GATSIBO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

Mu bwumvikane busesuye yemeje Amabwiriza N° NJY 729/07/05.03/09 y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gatsibo agena ibiciro by'imisoro n'amahoro bizagenderwaho mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021.

## 2. GUSUZUMA UBUSABE BW'UMUYOBOZI W'AKARERE BUREBANA NO KWANDIKA UBUTAKA KURI CROIX ROUGE Y'U RWANDA;

Inama Nyanama ishingiye ku ibaruwa N° 675/07.05.03/01/M yo kuwa 12/06/2020, Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama, imaze kungurana ibitekerezo, yemeje binyuze mu matora (Abajyanama 23 batoye yego 1 atora oya) ko Croix Rouge y'u Rwanda ihabwa icyangombwa cy'ubutaka buriho inyubako yayo bungana na metero kare igihumbi magana cyenda mirongo itandatu (1960 sqm) buherereye mu Mudugudu w'Akamasine, Akagari ka Gakenke mu Murenge wa Kiramuruzi.

## 3. GUSUZUMA IMYENDA Y'AKARERE KA GATSIBO KABEREYEMO ABANDI

Inama Njyanama yemeje ko iyi ngingo isubikwa

## 4. KWEMEZA INGURANE IKWIYE KU MITUNGO Y'ABATURAGE IZONONWA MU IKORWA RY'UMUHANDA MUNINI-KABEZA

Inama Njyanama ishingiye ku ibaruwa N° 661/07/05.03/01/OSC yo kuwa 15/06/2020, Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo yandikiye Umuyobozi w'Inama Njyanama amusaba kwemeza ingurane ikwiye ku mitungo y'abaturage izangizwa barimo gukora umuhanda wa Munini-Kabeza, yemeje ko abaturage bakurikira bazahabwa amafaranga y'u Rwanda angana na miliyoni umunani,ibihumbi magana atandatu mirongo itandatu na kimwe ,mirongo itandatu na rimwe (**8,661,061 Frw**):

INAMA NJYANAMA Y'KARERE KA GATSIBO
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| Nº | UPI | NAME OF OWNER | ID NUMBER | LOCATION | TOTAL COMPENSATION |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | 5/03/14/02/1375 | RUZIHITIRAMO THARCISE/ MUKAZUZI MELANIE | 11953800381060 1195970062033014 | GATSIBO/RWIMBOGO/ MUNINI/KABEZA | 582,450,70 |
| 2 | 5/03/14/02/1374 | TWIZEYIMANA DANIEL/ KAYITESI | 1197280087936029 | GATSIBO/RWIMBOGO/ MUNINI/KABEZA | 1,856,786 |
| 3 | 5/03/14/02/1372 | UKIZEMWABO EMMANUEL NAKABEREYEHO CHANTAL | 1197480092250091/ 1197970116690086 | GATSIBO/RWIMBOGO/ MUNINI/KABEZA | 6,222,825 |
| | | | | **TOTAL** | **8,661.061** |

**Umwanditsi w'inama**

………………………………

**YANKURIJE Marie Goretti**

**Umunyamabanga w'Inama Njyanama**

**Umuyobozi w'inama**

………………………………

**RUKEMANGANIZI Cyprien**

**Umuyobozi w'Inama Njyanama**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO KUWA KABIRI TARIKI YA 30/ 06/2020.**

| No | AMAZINA | UMURENGE | GENDER | ISAHA | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BAKINGA Deo | KABARORE | M | Afite impamvu | |
| 2 | BIZIMANA Léonidas | KAGEYO | M | 10h00 | |
| 3 | GASANA Richard | KIRAMURUZI | M | 14h30' | |
| 4 | GATETE Sylver | NGARAMA | M | Yasibye | |
| 5 | INGABIRE Rose | KIZIGURO | F | 14h:30 | |
| 6 | KABERA Canisius | RUGARAMA | M | ~~14h40~~ Yasibye | |
| 7 | KAMONDO Gaëtan | MUHURA | M | 13h00' | |
| 8 | KANTENGWA Mary | RWIMBOGO | F | 15h00 | |
| 9 | KAPITENI Athar Eleazar | KIZIGURO | M | 15h00' | |
| 10 | MANISHIMWE Gilbert | GITOKI | M | 15:00 | |
| 11 | MANZI Théogène | NYAGIHANGA | M | 15:00 | |
| 12 | MARIDADI Protais | KIRAMURUZI | M | 15h00 | |
| 13 | MBABAZI Oliver | KABARORE | F | 15:00 | |
| 14 | MUDENGE Wilson | GITOKI | M | 15h10' | |
| 15 | MUGIRASE M. Amabilis | KIRAMURUZI | F | 15h00' | |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 16 | MUGIRASONI Clothilde | RUGARAMA | F | 13h07 | |
| 17 | MUKAKIMENYI Leoncie | MUHURA | F | 13h07 | |
| 18 | MUKAMWIZA Elevanie | KIRAMURUZI | F | 13h09 | |
| 19 | MUKAMANA Schovia | RWIMBOGO | F | Yasibye | |
| 20 | MUREKATETE Fortunee | KAGEYO | F | 13h15 | |
| 21 | MUSHIMIYIMANA Asterie | GATSIBO | F | 11h05 | |
| 22 | NDAGIJIMANA Eric | RUGARAMA | M | 15h15 | |
| 23 | NDAHAYO Pascal | REMERA | M | Yasibye | |
| 24 | NKUSI Charles | KABARORE | M | 11h05 | |
| 25 | RUKEMANGANIZI Cyprien | GASANGE | M | 14h40 | |
| 26 | RUTAYISIRE K. Wilson | RWIMBOGO | M | 3h15 | |
| 27 | SEKANYANGE Jean Léonard | MURAMBI | M | 2h00 | |
| 28 | UFITENYINA Philotée | NYAGIHANGA | F | 2h00 | |
| 29 | YANKURIJE Marie Goretti | NGARAMA | F | 11h00 | |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GATSIBO
REPUBULIKA Y'U RWANDA